

REPUBLIKA Y'U RWANDA

INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU



B.P.: 6929 KIGALI  
TEL.: (250) 57 03 33  
Fax.: (250) 570334  
E-mail: [info@mhc.gov.rw](mailto:info@mhc.gov.rw)  
Website : [www.mhc.gov.rw](http://www.mhc.gov.rw)



**RAPORO Y'IBIKORWA BY'INAMA NKURU  
Y'ITANGAZAMAKURU**

**UMWAKA WA 2008**

## **IBIRIMO**

0. IRIBURIRO .....	3
1. INTANGIRIRO.....	4
I. IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2008 .....	5
1) Imbonerahamwe igaragaza ibikorwa byakozwe na HCM mu mwaka wa 2008. ....	5
II. IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO W'INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU MU MWAKA WA 2008 .....	11
4) Imbonerahamwe yerekana imikoreshereze y'amafaranga HCM yahawe na Leta mu mwaka wa 2008.....	13
III. IMBOGAMIZI, INAMA ZEREKEYE KUBIKEMURA N'UMWANZURO.....	17
a) INAMA KU CYAKORWA .....	17
b) UMWANZURO .....	18
IMIGEREKA.....	19
Annexe 1: Imbonerahamwe igaragaza uburyo ikarita y'ubunyamakuru yatanzwe na HCM mu mwaka wa 2008.....	19
1. Isesenguramakuru.....	21
b). Isesenguramakuru ryihariye .....	23
2. Raporo y'isesengura rigaragaza ukuntu ibitangazamakuru bya Leta byatangaje ku matora ya y'abahagarariye inteko ishingira mategeko mu Rwanda .....	23

## **0. IRIBURIRO**

Iyi raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2008 by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (HCM), ni iya gatandatu kuva urwo rwego rutangiye imirimo yarwo muri Werurwe 2003.

Iyi raporo iragaragaza muri rusange ibikorwa by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru kuva ku itariki ya 01 Mutarama kugeza ku ya 31 Ukuboza 2008. Ikubiyemo kandi ibikorwa bishingiye ku ntego nkuru enye Inama Nkuru y'Itangazamakuru yihaye arizo :

- **Guteza imbere no kurengera ubwisanzure bw'itangazamakuru mu Rwanda**
- **Gushyiraho uburyo bunozze bwo kugenzura imikorere y'itangazamakuru mu Rwanda,**
- **Kubaka ubushobozi bw'Inama Nkuru y'Itangazamakuru,**
- **Guteza imbere ubushobozi (moyens) n'ubumenyi (professionalisme) mu itangazamakuru.**

Izi ntego uko ari enye zikubiyemo inshingano esheshatu Inama Nkuru y'Itangazamakuru ihabwa n'itegeko n°18/2002 ryo kuwa 11/05/2002 rigenga Itangazamakuru n'lteka rya Perezida wa Repubulika n° 99/01 ryo kuwa 12/11/2002 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru arizo :

1. guharanira ubwisanzure no kurengera itangazamakuru;
2. kureba ko amategeko agenga umwuga w'itangazamakuru yubahirizwa ;
3. kugenzura niba amashyaka ya politike n'andi mashyirahamwe bifite uburenganzira bungana mu bitangazamakuru bya Leta ;
4. kugira icyo ivuga ku mpushya zemera ishingwa ry'ibigo by'itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho ;
5. kugira icyo ivuga ku ihagarikwa ry'igihe gito cyangwa burundu ry'ikinyamakuru cyangwa ifungwa rya radiyo, televiziyo cyangwa ikigo ntaramakuru ;
6. gutanga cyangwa kwambura ikarita y'ubunyamakuru.

Mu rwego rwo kugira ngo ubwisanzure mu Itangazamakuru burusheho gushimangirwa, amategeko n'amahame bigenga abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda byubahirizwe ndetse n'itangazamakuru rirusheho gukoranwa ubuhanga, Inama Nkuru y'Itangazamakuru irasaba inzego zose zirebwa n'ibibazo bigaragazwa muri iyi raporo ko zabiha uburemere bikwiye kandi zigashishikazwa no kubishakira ibisubizo birambye. Ibyo bizafasha itangazamakuru kurushaho kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere demokarasi n'imiyoborere myiza mu Rwanda.

Inama Nkuru y'Itangazamakuru kandi irashimira inzego zose yakoranye nazo zaba iz'abanyamakuru, iza Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo muri uyu mwaka wa 2008, ubufatanye zitahwemye kuyigaragariza mu kuzuzwa inshingano zayo. Iyo mikoranire myiza yafashije Inama Nkuru y'Itangazamakuru kugera ku bikorwa bitari bike kandi niyo izakomeza kuyiranga mu mwaka dutangiye wa 2009.

## **1. INTANGIRIRO**

Iyi raporo iravugwamo cyane imirimo n'ibikorwa by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru mu mwaka wa 2008, yibanda byumwihariko ku kubaka ubushobozi bwayo, guteza imbere ubumenyi mu itangazamakuru, kugenzura imikorere y'itangazamakuru no kurengera ubwisanzure bwaryo mu Rwanda. Uretse ibyo kandi iyi raporo iragaragaza imikoreshereze y'ingengo y'imari Inama Nkuru y'Itangazamakuru (HCM) yagenewe na Leta mu mwaka wa 2008.

Nk'uko bigaragara muri iyi raporo, mu rwego rwo kugenzura itangazamakuru ndetse no kurirengera hakoze isesengura ry'ibyatangajwe mu bitangazamakuru byo mu Rwanda, hasuzumwa ndetse hanatangazwa uko ibitangazamakuru byitwaye mu bihe by'amatora y'abagize Inteko Ishinga amategeko, umutwe w'Abadepite yabaye muri Nzeri 2008.

Muri uyu mwaka kandi Inama Nkuru y'Itangazamakuru yatanze amahugurwa anyuranye ku banyamakuru bakorera amaradiyo mu Rwanda n'abayobozi n'abanditsi bakuru b'ibyo bitangazamakuru ku myitwarire y'itangazamakuru mu bihe by'amatora, hatanzwe amahugurwa ku bakazi bashinzwe imibereho myiza n'abashinzwe itumanaho mu Uturere twose tw'u Rwanda, abahagarariye Polisi mu uturere, abakazi bashinzwe itangazamakuru n'itumanaho mu nzego zose za Leta n'abayobozi bose b'ibitangazamakuru ku Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'uruhare rw'itangazamakuru mu iterambere ry'igihugu. Hakomeje gutangwa ibitekerezo ku mishinga y'amategeko ivugurura Itegeko n° 18/2002 ryo kuwa 11/05/2002 rigenga itangazamakuru n'iteka rya Perezida wa Repubulika n° 99/01 ryo kuwa 12/11/2002 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere by'Inama Nkuru y'Itangazamakuru. Hakoze inama ku rwego rw'akarere yo kwiga uburyo ubwisanzure bw'itangazamakuru mu karere k'ibiyaga bigari bwarushaho gushimangirwa hanatezwa imbere itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'amahame bigenga umwuga w'itangazamakuru. Hatanzwe ikarita y'ubunyamakuru, hasuzumwa amadosiye anyuranye y'abantu cyangwa imiryango ishaka gutangiza radiyo mu Rwanda maze Leta igirwa inama ku byerekeye ukuyemerera ngo akorere mu Rwanda. Yateye inkunga ibikorwa bigamije gushyiraho ishuri ritanga amahugurwa ahoraho i Kigali ndetse inatangiza ubushakashatsi ku buryo bunoze bwo guteza imbere itangazamakuru mu Rwanda hifashishijwe ikigega gitera inkunga itangazamakuru n'ibindi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## I. IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2008

### 1) Imbonerahamwe igaragaza ibikorwa byakozwe na HCM mu mwaka wa 2008.

<i>Igikorwa cyari giteganyijwe</i>	<i>Icyagezweho</i>	<i>Igihe cyakorewe</i>	<i>Ibyakozwe bitari biteganyijwe</i>	<i>Icyongerrwaho</i>
<b>Guteza imbere no kurengera ubwisanzure bw'itangazamakuru mu Rwanda</b>				
1. Gusobanurira no kurushaho guhugurira abanyamakuru, abashinzwe itangazamakuru mu nzego zinyuranye za Leta n'izigenga (Attaché de presse) n'inzego zishinzwe umutekano amategeko agenga itangazamakuru na HCM.	-Abanyamakuru 76 n'abandi bakorana nabo mu bigo bya Leta n'uturere 115 bahuguwe mu amategeko agenga umwuga w'itangazamakuru n'ubwisanzure bwaryo; - Amategeko agenga itangazamakuru yarushijeho kumenyekana no kubahirizwa; - Ubwisanzure bw'itangazamakuru bwarushijeho kubahirizwa kurushaho n'inzego n'abantu bakorana n'itangazamakuru.	Gicurasi-Kamena		Iyi gahunda yakorewe mu ntara zose zigize u Rwanda
2. Guteza imbere no gushyigikira uburyo bunoze bwo kungurana ibitekerezo ku bwisanzure bw'itangazamakuru mu Rwanda	- Hatanzwe ibiganiro ku bwisanzure bw'itangazamakuru. Ibyo biganiro byahitaga buri cyumweru ku maradiyo ane (Radio Rwanda, City Radio, Radio Salus na Radio Flash. -Abanyamakuru, inzego zishinzwe umutekano n'abanyarwanda muri rusange bashoboye gusobanukirwa ubwisanzure bw'itangazamakuru icyo ari cyo, aho butangirira n'aho bugarukira nk'uko amategeko abiteganyye;	Kamena-Ukuboza		
3. Gusuzuma amadosiye no gutanga ibitekerezo ku mpushya zemera ishingwa ry'ibigo by'itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho. Mu gihe itegeko rishya rizaba	- HCM yize imishinga y'abifuza gutangiza amaradiyo 8, ikaba yarasabiye kwemererwa umushinga umwe ari wo Family Christian Network (FCN) Radio;	Mutarama-Ukuboza		

ryemejwe HCM izajya isuzuma kandi itange uburenganzira bwo gutangiza ibitangazamakuru mu Rwanda.	- HCM yize imishinga y'abifuza gutangiza amateleviziyo 5, ariko umwe niwo wasabiwe kwemererwa kuko wari wujuje ibisabwa. Uwo mushinga ni: FCN TV.			
4. Gutanga no kwambura ikarita y'ubunyamakuru ku banyamakuru	- Hatanzwe amakarita 307 ku banyamakuru babisabye bakurikije ibyo amategeko ateganya.	Mutarama-Ukuboza		
5. Gukurikirana ibyibwirije cyangwa ibisabwe ibibazo byerekeranye n'ihohoterwa ry'abanyamakuru n'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda, abaturage barega itangazamakuru no gutangaza ku mugaragaro raporo zabyo.	- HCM yakiriye ibirego 9 by'abantu bareze ibigo by'ibitangazamakuru; - HCM yanzuye ku birego 7, 2 bikaba bikigwa mu ntangiriro za 2009.	Mutarama-Ukuboza		
5. Kugenzura no gushyira ahagaragara raporo igaragaza ishusho yuzuye ku iterambere mu bwisanzure bw'itangazamakuru n'imiterere n'imikorere by'itangazamakuru mu Rwanda mu mwaka 2008 (state of the media and press freedom in Rwanda report 2008).	- Igikorwa cyaratangiye ariko ntikirarangira. Raporo izarangirana n'ukwezi kwa kabiri ikaba izagaragaza ishusho nyakuri y'itangazamakuru mu Rwanda mu mwaka wa 2008.	Mutarama – Ukuboza 2008		
6. Guharanira ko hashyirwa mu mwanya umukozi ushinzwe guteza imbere no kurengera ubwisanzure bw'itangazamakuru mu Nama Nkuru y'itangazamakuru.	Hakozwe Termes de Référence zigaragaza inshingano ndetse n'ibyo uyu mukozi agomba kuba yujuje. Akaba azashyira mu mwanya muri uyu mwaka wa 2009.	Ugushyirwa – Ukuboza 2008		
<b>Gushyiraho uburyo bunoze bwo kugenzura imikorere y'itangazamakuru mu Rwanda</b>				
1. Guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abaturage bwo gukosora, gusubiza no kugorora.	Hamanitswe kuri buri murenge « posters » zisobanura uburenganzira bw'abaturage mu itangazamakuru.	Nzeli-Ukuboza 2008		
2. Gukora inyigo igamije kugaragaza imiterere y'ibiganiro na za porogaramu bihita ku ma radiyo na Televiziyo mu Rwanda no gutangaza ku mugaragaro raporo y'iyi nyigo	Isoko ryaratanzwe ariko Raporo ntiraboneka.	Ukwakira – Ukuboza 2008		
3. Guha akazi no guhamba abasesenguramakuru bane (4) mu gihe cy'amezi atatu bunganira abo Inama Nkuru y'itangazamakuru yari isanganywe bazayifasha gukurikirana igikorwa cy'amatora y'abagize Inteko ishingira amategeko, Umutwe w'Abadepite.	Igikorwa cy'amatora y'abagize Inteko ishingira amategeko, Umutwe w'Abadepite cyarukurikiranywe umunsi ku wundi mu rwego rw'itangazamakuru, haba mu gihe cyo kwiyamamaza n'itora nyirizina	Kanama-Ukuboza 2008		
5. Gutera inkunga no gushyigikira inzego zishinzwe kwigenzura mu itangazamakuru.	Bamwe mu bagize urwego rw'Abahwituzi bafashijwe mu gukora ingendoshuri mu bihugu bya Côte d'Ivoire na	Kanama-Nzeli 2008		

	Burundi. Hashizweho umukono ku amasezerano y'ubufatanye n'izo nzego (MOU)			
6.Kugenzura ko imitwe ya politike, amashyirahamwe y'imitwe ya politike cyangwa amashyaka binganya uburenganzira mu bitangazamakuru bya Leta.	- ORINFOR yageneye imitwe ya uburenganzira bungana hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza ya HCM; - Abanyamakuru, imitwe ya politike n'abakandida bigenga bagenewe uburenganzira bungana; - Abanyamakuru bahugukiwe uburyo bwo kwitwara mu bihe by'amatora. - Amabwiriza yerekeye imyitwarire iboneye y'itangazamakuru mu bihe by'amatora ariho kandi yubahirizjwe.	Kanama – Nzeri 2008		
<b>Kubaka ubushobozi bw'Inama Nkuru y'Itangazamakuru</b>				
1. Gukomeza gushakira abakozi Inama Nkuru y'itangazamakuru (HCM).	Umukozi ushinze guhuza ibikorwa by'Umushinga HCM ifitanye na UNDP-DFID yahawe akazi	Werurwe 2008		Yakorewe amasezerano y'Umwaka umwe ushobora kongerwa
2. Gushakira Inama Nkuru y'itangazamakuru ibikoresho bigezweho byifashishwa mu isesengura ry'ibiganiro n'amakuru bitangazwa mu itangazamakuru rikoresha amajwi n'amashusho (modern media monitoring equipments)	Hatanzwe isoko rya company izakora icyo gikorwa ndetse hanategurwa amasezerano y'akazi.	Kamena 2008		Bitewe n'uburemere bw'isoko, kwishyura no gutanga ibikoresho byimuriwe muri 2009
3. Gushakira inzobere zo gufasha HCM mu kurushaho kunoza imikorere yayo	Hateguwe ndetse hanemezwa amabwiriza no 008 yo kuwa 06/02/2008 asimbura amabwiriza no 004/2003 yo kuwa 05/09/2003 agena uburyo bwo kwiyamamariza imyanya yegenewe imitwe ya politiki n'abakandida bigenga mu Inteko ishingira Amategeko mu bitangazamakuru bya Leta n'amabwiriza y'Inama Nkuru	Gashyantare– Kanama 2008		

	y'ltangazamakuru no 009 yo muri Nyakanga 2008 yerekeye imyitwarire y'abanyamakuru mu gihe cy'amatora mu Rwanda			
4. Gutanga amahugurwa ku bakozi ba HCM mu byerekeye inshingano za buri umwe ndetse n'abagize Inama Nkuru y'ltangazamakuru.	<p>Abakozi batatu (3) bahawe amahugurwa kuri "<b>Induction Courses</b>" muri RIAM;</p> <p>Abakozi batanu (4) bahawe amahugurwa ku byerekeye itangwa ry'amasoko ya Leta (Procurement) na NTB;</p> <p>Umukozi umwe(1) yahawe amahugurwa ajyanye (Multi media application for managers) mu gihugu cya Malaysia;</p> <p>Abakozi batatu (3) bahawe kwiga icyongereza muri RIAM (British Council)</p>	<p>Mutarama–Gicurasi 2008</p> <p>Mata-Nyakanga 2008</p> <p>Nyakanga 2008</p> <p>Nyakanga–Ukuboza 2008</p>		
5. Gushyiraho amahugurwa ndetse n'ingendo-shuri mu bihugu bifite inzego nk'urw'Inama Nkuru y'ltangazamakuru yo mu Rwanda zateye imbere.	<p>Abagize HCM (2) n'Umunyamabanaga Nshingwabikorwa b'Inama Nkuru y'ltangazamakuru bakoreye ingendoshuri mu bihugu binyuranye byo muri Afurika y'Uburengerazuba n'Iburasirazuba n'i burayi. Muri ibyo bihugu (Ghana, Cote d'Ivoire, Kenya, England ) hasuwe inzego zifite inshingano nk'iz'Inama Nkuru y'ltangazamakuru, ibitangazamakuru bya Leta n'iby'abikorera, inzego zikorana n'Inama Nkuru z'ltangazamakuru zo muri ibyo bihugu, n'ibindi hagamijwe kurushaho gusobanukirwa imiterere n'imikorere y'izo nzego ndetse no kureba ibyiza byakwifashishwa na HCM kugira ngo irusheho kugera ku nshingano zayo. Byumwihariko hasuzumwaga imiterere y'amategeko agenga itangazamakuru n'uburyo izo nzego zifasha itangazamakuru kwitwara neza mu bihe by'amatora.</p>	<p>Kamena-Ugushyingo 2008</p>		



6. Kuvugurura inzu HCM ikoreramo	Inzu Inama Nkuru y'Itangazamakuru ikoreramo yaravuguruwe	Ukuboza		Hasigaye gukora icya kane cy'inyubako yose
7. Kurushaho guteza imbere umubano n'izindi nzego zikorana n'itangazamakuru mu Rwanda n'izo mu mahanga zishinzwe kugenzura no kurengera itangazamakuru.	- Inama Nkuru y'Itangazamakuru yarameneykanye mu Rwanda no mu mahanga,	Mutarama-Ukuboza		
8. Kuvugurura uburyo bwo kumenyekanisha HCM n'ibikorwa byayo mu Rwanda no mu mahanga: - Gutanga ikiganiro cy'Inama Nkuru y'Itangazamakuru kuri radiyo Rwanda; - Gushyiraho ibiganiro binyuranye kandi bihoraho kuri Televiziyo Rwanda no kuri zimwe muri radiyo z'abikorera ku giti cyabo mu Rwanda;	Ikiganiro „Isanzure“ cyakomeje kunyura kuri Radiyo Rwanda Ibiganiro binyuranye byanyuze ku maradiyo anyuranye akorera mu Rwanda	Mutarama-Ukuboza		
<b>Guteza imbere ubushobozi (moyens) n'ubumenyi (professionalisme) mu itangazamakuru</b>				
1. Gutegura ifatanyije n'izindi nzego amahugurwa n'ingendoshuri ku bakazi ba HCM, abagize "board" yayo n'abanyamakuru mu Rwanda no mu mahanga.	HCM yitabiriye ingendoshuri n'amahugurwa mu bihugu bitandukanye; nko muri Ghana, Benin, Burundi, Malaysia, England...	Werurwe-Ugushyingo 2008		
2. Gutegura no kwitabira inama nyunguranabitekerezo ku itangazamakuru mu gihugu, mu karere no mu rwego mpuzamahanga.	HCM yitabiriye inama zitandukanye nko muri Cote d'Ivoire, Senegal... zahuje inzego zikora nka HCM. HCM yateguye inatabira inama ku itangazamakuru mu karere k'ibiyaga bigari.	Werurwe-Ugushyingo 2008		
3. Gukurikirana ishyingiraho ry'ikigega cyo gufasha itangazamakuru ry'abikorera mu Rwanda (Fonds de subvention à la Presse)	HCM yakoresheje inyigo ku buryo icyo kugega cyashyirwaho. Ikaba izemezwa mu mpera z'ukwezi kwa mbere 2009.	Gicurasi – Ukuboza 2008		
4. Gufasha abanyamakuru mu ingendoshuri			HCM yafashije abanyamakuru 5 b'abanyarawan da kwitabira ingendoshuri	

			mu gihugu cy'Ubudage n'abandi 2 bagiye mu gihugu cya Cameroun kureba ibijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzir a bwa Kiremwa Muntu	
--	--	--	--	--

## II. IMIKORESHEREZE Y'UMUTUNGO W'INAMA NKURU Y'ITANGAZAMAKURU MU MWAKA WA 2008

Iki gice kiragaragaza imikoreshereze y'amafaranga Inama Nkuru y'Itangazamakuru yahawe ku ngengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2008, ayo yahawe n'abaterankunga ndetse n'ayo yinjije binyuze ku bantu cyangwa imiryango yasabaga uburenganzira bwo gutangiza radiyo na televiziyo byigenga mu Rwanda.

### a) Amafaranga yanyuze kuri konti isanzwe ya HCM y'amafaranga y'amanyarwanda (Zero Balance)

Mu mwaka wa 2008, Inama Nkuru y'Itangazamakuru yagenewe Ingengo y'Imari na Leta y'u Rwanda ihwanye n'amafaranga miliyoni magana abiri na mirongo irindwi n'eshanu n'ibihumbi mirongo icyenda n'icyenda n'amafaranga makumyabiri (**275 099 020 Frw**); hakubiyemo ayo gukoresha bisanzwe (fonctionnement) n'ayo gusana inyubako ya HCM (Budget de développement). Kuri aya hariyongereyeho andi mafaranga yagiye aturuka ahantu hatandukanye:

- Ayaguzwe ibitabo by'amasoko: 312 500 Frw
- Abafunguye ibitangazamakuru: 5 000 000 Frw
- Inkunga zitandukanye: 8 500 000 Frw

Amafaranga yanyuze kuri konti y'amanyarwanda ya HCM ni 288 911 520 Frw.

Umwaka wa 2008 warangiye hasigaye 31 357 552 Frw kuri konti ya HCM, MINECOFIN yasubiranye ariko agomba kuzagaruka mu mwaka wa 2009 hamaze kugaragazwa impapuro zerekana ko ari ibikorwa byakozwe muri 2008. Izo mpapuro ziragaragaza amafaranga 30 602 244 Frw, bikaba bisobanuye ko MINECOFIN izisubiza 755 308 Frw hiyongereyeho andi atabashije gusabwa (engagée) 600 000 Frw bikaba 1 355 308 Frw.

Biragaragara rero ko ku mafaranga asanzwe ya HCM hakoreshejweho **288 776 212 Frw** harimo 272,467,544 Frw yavuye ku ngengo y'iamri ya HCM.

### b) Amafaranga yanyuze kuri konti ya HCM y'amadovize

Uretse amafaranga y'amanyarwanda yagiye aboneka, HCM yakomeje gutwara inkunga n'izindi nzego zitandukanye mu mafaranga y'amahanga nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### **2) Imbonerahamwe igaragaza amafaranga y'abaterankunga**

<b>Umuterankunga</b>	<b>Umubare USD</b>
UNESCO	44 957
IMS	26 960
IPP	20 915.53
NETHELANDS EMBASSY	34 900.82
GRET	7 866
<b>Yose hamwe</b>	<b>135 599.35</b>

Muri aya 135 599.35 USD yakiriwe muri 2008, yasanze andi 28 270.35 yari yarasigaye muri 2007, yose hamwe aba 163 869.7 USD

Umwaka wa 2008, warangiye hasigaye 11 288.20 USD, bivuze ko hakoreshejwe 152 581.5 USD ahwanye na **83 919 825 Frw**

c) Amafaranga y'umushinga wa HCM na PNUD-DFID

Muri 2008, hatangiye umushinga wo gufasha HCM kwiyubaka uzamara imyaka itatu (2008-2010)

Amafaranga yawo yakoreshejwe mu buryo bkurikira:

- Ayanyuze kuri konti ya HCM: 58 639 992 Frw (Reba Umugereka 3)
- Ayishyuwe binyuze muri UNDP (Direct Payments): 129 224 613 Frw (Reba Umugereka 4)
- Yose hamwe ni : **187 864 605 Frw**

Muri rusange, ibikorwa by'umwaka wa 2008 muri HCM byatwaye amafaranga **560 056 642 Frw**.

d) Inkunga z'ibintu

Uretse inkunga z'amafaranga HCM yagiye ibona muri uyu mwaka wa 2008, hari n'izindi nkunga z'ibintu cyangwa se ibikorwa byagiye byishyurwa bitamenyerwa agaciro ka nyako mu buryo bworoshye:

- Ibikorwa byishyuwe na ICGLR mu nama y'Akarere ku Bwisanzure bw'ltangazamakuru;
- Coverage yakozwe na ORINFOR y'iminsi itatu
- Airtime ihoraho y'iminsi itatu yatanzwe na MTN

**3) Imbonerahamwe igaragaza uko konti za HCM zari zifashe umwaka wa 2008 urangira**

<b>Konti</b>	<b>Umubare FRW</b>
Konti y'amanyarwanda (Zero balance)	0
Konti y'amadovise (USD)	6 208 510
Konti yUmushinga	1 788 779
Caisse	6 400
Muri Direct Payment	0
<b>Yose hamwe</b>	<b>8 003 689</b>

4) Imbonerahamwe yerekana imikoreshereze y'amafaranga HCM yahawe na Leta mu mwaka wa 2008.

	BUDGET 2008	BUDGET UTILISE	VARIANCE	RESTANT
Personnel Administratif+Indemnité de logement et de Déplacement	44,499,412	49,690,796	111.7	(5,191,384)
Indemnité de fonction	1,800,000	1,800,000	100.0	-
Indamnit� de d�c�s et Frais fun�raires	-	-		-
Personnel Administratif sous statut(Cotisation de l'Etat � la C.S.R)	2,049,608	1,914,866	93.4	134,742
Personnel Administratif sous statut(Contribution de l'Etat aux soins de sant�)	5,850,000	5,945,848	101.6	(95,848)
Indemnité de caisse	70,000	36,000	51.4	34,000
materiel de bureau	2,100,000	2,100,000	100.0	-
Fournitures de bureau	4,700,000	5,110,500	108.7	(410,500)
Eau et �lectricit�	1,500,000	1,377,172	91.8	122,828
Equipements et fournitures techniques	-	-		-
Equipements et fournitures informatiques	5,000,000	4,824,000	96.5	176,000
Frais de d�placement a l'int�rieur du pays	10,000,000	9,970,000	99.7	30,000
Facilitation de transport	6,780,000	7,868,380	116.1	(1,088,380)
Frais de d�placement � l'ext�rieur du pays	9,600,000	10,654,499	111.0	(1,054,499)
Indamnit�s de mision a l'int�rieur du pays	500,000	630,600	126.1	(130,600)
Indamnit�s de mision a l'ext�rieur du pays			141.3	

*Inama Nkuru y'Itangazamakuru, Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2008*

	1,500,000	2,119,935		(619,935)
Abonnement Revues et jouaux	3,700,000	3,681,050	99.5	18,950
Ouvrages	1,500,000	1,618,600	107.9	(118,600)
Frais de représentation a l'intérieur du pays	1,500,000	1,567,951	104.5	(67,951)
Frais de réceptions officielles	2,250,000	2,157,346	95.9	92,654
Commémorations des journées nationales	1,200,000	1,196,400	99.7	3,600
Frais de Sport et Loisirs	900,000	890,000	98.9	10,000
Contribution à la R.I.A.R.C	900,000	823,935	91.5	76,065
Formation professionnelle, Perfectionnement et Recyclage	3,000,000	3,417,600	113.9	(417,600)
Autres consommables	1,500,000	1,619,968	108.0	(119,968)
Entretien et réparation du matériel et outillage techniques	500,000	684,000	136.8	(184,000)
Entretien des Batiments à usage de bureau	1,500,000	1,824,000	121.6	(324,000)
Entretien et réparation des équipements de bureau	450,000	465,074	103.3	(15,074)
Frais de gardiennage	1,850,000	2,013,600	108.8	(163,600)
Impression et publication des documents	15,900,000	13,107,653	82.4	2,792,347
Frais de communiqués et chroniques Radiodiffusées	2,500,000	2,649,192	106.0	(149,192)
Frais de poste	300,000	370,252	123.4	(70,252)
Frais de de téléphone, Fax et Internet	12,200,000	12,529,822	102.7	(329,822)
Honoraires			95.6	

*Inama Nkuru y'Itangamakuru, Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2008*

	2,100,000	2,007,717		92,283
Cout de service de traduction	1,650,000	1,715,900	104.0	(65,900)
Frais bancaires	100,000	34,500	34.5	65,500
Frais de préparation du budget	500,000	800,000	160.0	(300,000)
Equipements et fournitures audiovisuels	2,250,000	2,646,500	117.6	(396,500)
Imprévus	900,000	879,934	97.8	20,066
<b>S/TOTAL</b>	<b>155,099,020</b>	<b>162,743,590</b>	<b>104.9</b>	<b>(7,644,570)</b>
<b>EXECUTION BUDGETAIRE MOIS DE DECEMBRE 08 POUR LE BUDGET DU DEVELOPPEMENT</b>				
REHABILITATION DU HCP	120,000,000	110,705,804	92	9,294,196
<b>S/TOTAL</b>	<b>120,000,000</b>	<b>110,705,804</b>	<b>92.25484</b>	<b>9,294,196</b>
<b>GRAND TOTAL</b>	<b>275,099,020</b>	<b>273,449,394</b>	<b>99.4</b>	<b>1,649,626</b>

## **Ibisobanuro ku mbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga HCM yahawe mu mwaka wa 2008**

### **Imirongo y'aho amafaranga yarenze kuyari ateganyijwe**

Imbonerahamwe iragaragaza ko ku mirongo y'ingengo y'imari hafi ya yose yarengeje amafaranga yari yaragenewe bitewe n'uko ingengo y'imari muri rusange yari yaragenewe HCM itari ihagije ugereranyije n'ibikorwa byari bitegenyijwe.

### **Imirongo y'aho amafaranga yasagutse cyangwa atigeze akoreshwa**

Nk'uko imbonerahamwe (4) ibigaragaza, imirongo hafi ya yose yarakoreshejwe cyane uretse imirongo ibiri itarakoreshejwe n'indi mike yasaguye amafaranga:

- a) Indemnité de décès et Frais funéraires
- b) Equipements et fournitures techniques

Iyi mirongo ntiyigeze ikoreshwa bitewe n'uko nta bikorwa byabayeho bijyanye nayo. By'umwihariko, ibikoresho bizifashishwa mu gufata amajwi n'amashusho, bizagurwa umwaka utaha. Harangiye isoko ndetse hanakorwa amasezerano.



### **III. IMBOGAMIZI, INAMA ZEREKEYE KUBIKEMURA N'UMWANZURO**

Muri uyu mwaka, Inama Nkuru y'Itangazamakuru yakozemo ibikorwa byinshi ugereranyije n'indi yawubanjirije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe (1) igaragaza ibyakozwe. Ibyo ahanini byatewe n'uko HCM yari imaze kubona abakozi bamaze kumenyera akazi, abakozi badahoraho bagiye bahabwa akazi n'umushinga wo gufasha HCM kwiyubaka watangiye. Ni no muri uyu mwaka hakoze amatora y'abagize Inteko ishingira Amategeko, Umutwe w'Abadepite. icyakora hashingiwe ku ngengabihe yateganywaga muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2008, hari ibitarashoboye kurangira ibindi ntibinakorwe na rimwe bikaba byarimuriwe mu mwaka wa 2009.

Ibitarakozwe ahanini byatewe n'imbogamizi zikomoka ku mafaranga adahagije HCM yagenewe muri uwo mwaka n'amategeko agenga HCM ndetse n'ay'itangazamakuru atanoze. Hari ibikorwa HCM yagiye isubika kugira ngo itegeko rishya riyigenga ndetse n'irigenga itangazamakuru azabanze yemezwe naho ibindi ntibikore kubera ko bitashoboraga gukorwa igice kingana n'amafaranga yagenewe.

Ibikorwa bitakozwe byari biteganyijwe muri uyu mwaka bigizwe ahanini no gusura ibitangazamakuru, kugura ibikoresho bigezweho byifashishwa muri "monitoring des medias" (modern media monitoring equipments) no kurangiza igikorwa cyo gusana inzu HCM ikoreramo. Byinshi muri byo imyiteguro yaratangiye, "cahier de charges" zirategurwa ndetse hamwe na hamwe amasoko aratangwa ariko ntibyabasha gushyirwa mu bikorwa kubera ubushobozi buke (ingengo y'imari idahagije).

#### **a) INAMA KU CYAKORWA**

Itegeko rigenga itangazamakuru n'irigenga HCM akwiye kwihutishwa n'inzego zibishinzwe akemezwa kugira ngo HCM ibashe kuzuza inshingano ihabwa n'amategeko.

Umushinga w'iteka rya Minisitiri uvugurura iteka rya Minisitiri ryerekeye imiterere n'imikoreshereze y'ikarita y'ubunyamakuru ukwiye kwemezwa ugatangira gukurikizwa kugira ngo akajagari gakomeza kurangwa mu itangazamakuru kagabanuke.

Ingengo y'imari igenerwa HCM ikwiye kongerwa kugira ngo urwo rwego rubone ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo mu buryo bukwiriye.

Mu bihe byo kwibuka jenocide, abayobozi b'ibitangazamakuru n'abanyamakuru, mu biganiriro n'amakuru batangaza, bakwiye gutegura neza inyandiko no kwitondera imvugo bakoresha kugira ngo itangazamakuru ritagaragara nabi mu maso ya rubanda. Kutubahiriza ibi kandi byatuma itangazamakuru ryongera kugwa mu mutego nk'uwo ryaguyemo mu wa 1994 ubwo ryagiraga uruhare muri jenocide y'abanyarwanda.

Inzego zose zirebwa n'itangazamakuru nazo zikwiye gusuzumira hamwe uburyo itangazamakuru rikwiye kwitwara mu gihe cyo kwibuka jenocide. Ibi bizafasha gukumira abantu bihisha inyuma y'ubwisanzure mu itangazamakuru kugira ngo basubiza abanyarwanda mu icuraburindi.

## **b) UMWANZURO**

Biragaragara ko Inama Nkuru y'Itangamakuru igenda yiyubaka kandi yubaka n'itangazamakuru mu buryo bugaragara nyuma y'imyaka hafi itanu imaze ikora. Ingengo y'imari y'umwaka wa 2008 yakoreshejwe yose neza cyane kandi hubahirijwe amategeko agenga uburyo ikoreshwa n'ubwo itari ihagije.

Inama Nkuru y'Itangazamakuru irasaba ko inzego zibishinzwe zakongera ingengo y'imari yayo kugira ngo izabashe kubona ibikoresho byibanze mu kazi kayo ko kugenzura no kurengera ubwisanzure bw'itangazamakuru ndetse no kugera ku nshingano ihabwa n'amategeko. Ibyo bikazarushaho gushoboka mu gihe amategeko agenga urwo rwego n'agenga itangazamakuru muri rusange azaba amaze kuvugururwa kandi akanozwa kugira ngo ahuzwe n'ibihe tugezemo n'itegeko Nshinga igihugu kigenderaho.

**Bikorewe i Kigali, Mutarama 2008**

## IMIGEREKA

### Annexe 1: Imbonerahamwe igaragaza uburyo ikarita y'ubunyamakuru yatanze na HCM mu mwaka wa 2008.

N°	IKIGO CYASABYE	UMUBARE W'abanyamakuru bahawe amakarita
1	UMURABYO	5
2	CITY RADIO	6
3	AFP	2
4	RADIO VOICE OF HOPE	4
5	RADIO FLASH	11
6	KINYAMATEKA	6
7	Reuters	2
8	RADIO SANA	2
9	Le Reveil	2
10	Temps Eco	1
11	RADIO IZUBA	11
12	L'Entrepreneur	2
13	UBUMWE	2
14	IMPAMO	2
15	UMURINZI	2
16	INGENZI	1
17	RUGARI	3
18	IMANZI	1
19	GASABO	1
20	Business Week	1
21	Business daily	2
22	FOCUS	3
23	UMWEZI	3
24	AMINA	1
25	RUSHYASHYA	1
26	RADIO 10	7
27	RADIO UMUCYO	6
28	MILAMBI.COM	1
29	HUGUKA	5
30	UMUKINDO Liprodhor	2
31	IMPAMO	2
32	CONTACT FM	15
33	THE NEW TIMES/IZUBA RIRASHE	38
34	SOLIDARITE	5
35	RADIO SALUS	57
36	INGABO MAGAZINE	15
37	UKURI	1
38	UMUSINGI	2
39	UMUSANZU	2
40	BBC	5
41	VOA	3
42	ORINFOR	61
	<b>TOTAL</b>	<b>306</b>

**Annexe 2: Imbonerahamwe yerekana amaradiyo na Televiziyo yasabiwe na HCM kwemererwa n'ataruzuzwa ibisabwa kugeza ubu :**

N°	Radiyo na TV	Ikigo cyayisabye	Igihe yemerewe na HCM
1	Radio 10 FM	Tele 10 group	22/12/2003
2	Radio Izuba FM	ADECCO (Kibungo)	29/10/2003
3	Radio Salus FM	Ishuri rikuri ry'Itangazamakuru muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare	29/10/2003
4	Radio Contact FM	Albert	22/12/2003
5	Radio Flash FM	Madinvest	22/12/2003
6	Radio Maria Nyina wa Jambo (Kabgayi)	Eglise Catholique du Rwanda.	30/09/2004
7	City Radio FM	Genesis Communications	19/05/2004
8	Radio Ijwi ry'Ibyiringiro	Eglise Adventiste du 7 <sup>eme</sup> jour	30/09/2004
9	Sana u Rwanda FM	Restore Rwanda Ministries	28/09/2004
10	Iraha FM	Iraha Sabune Broadcasting s.a.r.l	28/09/2004
11	Authentic Radio/tv	Authentic Word Ministries	28/09/2004
12	Radio Voice of Kigezi.	Voice of Kigezi Kabale	28/09/2004
13	Umucyo Radio Community	Christian Production in Media	28/09/2004
14	Sky Radio –Ijwi ry'Ukuri	SKY Radio-TV sarl	14/10/2005
15	Victory Radio	Josephine Mukamazimpaka	10/03/2006
16	La voix de la paix	Radiyo y'Abaprotestant mu Rwanda	12 /09/ 2006
17	Amazing Grace Radio	Gregory Schoof	12/09/2006
18	Voice of Africa	Umuryango w'aba Islam mu Rwanda	13/12/2006
19	Isango star	Mugabo Justin	19/09/2007
20	Light House Television	Light House Limited	19/09/2007
21	Voice of Rwanda	UNICOM INVESTMENT	Ntiyigeze yuzuzwa ibisabwa
22	Choice FM	Janet Kobusingye Ruvima na Herbert Mugisha	06/02/2008
23	« African Christian Radio –TV »	Itorero « Eglise Méthodiste libre au Rwanda »	Ntiruzuzwa ibisabwa
24	Radio Afrique	Radio Afrique Ltd	Ntiruzuzwa ibisabwa
25	Clouds FM	Clouds Entertainment Co.Ltd	Ntiruzuzwa ibisabwa
26	Family Christian Network Africa Radio	Family Christian Network	09/08/2007
27	Family Christian Network Africa TV	Family Christian Network	09/08/2007
28	Radio HUGUKA	Association HUGUKA a.s.b.l	Umushinga wageze kuri HCM kuwa 14/10/08 yemerewe muri mutarama 2009
29	EATV	IPP Limited	Umushinga wageze kuri HCM kuwa 08/08/08 yemerewe muri mutarama 2009
30	Capital TV	IPP Limited	Umushinga wageze kuri HCM kuwa 08/08/08 wemerewe muri mutarama 2009
31	NTV Rwanda	Nation Media Group	Umushinga wageze HCM kuwa 29/10/08 wemerewe muri Mutarama 2009
32	Nation Holdings Rwanda radio stations	Nation Media Group	Ntiruzuzwa ibisabwa
33	Radio Citizen	Royal Media Services	Ntiruzuzwa ibisabwa
34	Citizen TV	Royal Media Services	Ntiruzuzwa ibisabwa

## **1. Isesenguramakuru**

### **a) Isesenguramakuru ry'itangazamakuru ryandika**

#### **Rushyashya**

1. "Amatora yo muri Nzeri 2008 ni ishiraniro" yatangajwe mu Kinyamakuru Rushyashya n°70 cyo kuwa 4-15 Nyakanga 2008, Urup. 1&13
2. "PL: Akamasa kazaca inka kazivukamo" yatangajwe mu kinyamakuru Rushyashya n°64 Nzeli 2007 urup. 5, 6 & 7
3. "Bamwe mu ba PL barinubira uburiganya bwabaye mu matora yo kuwa 4 n'ya 5 kanama 2007" yatangajwe mu kinyamakuru Rushyashya n°63 cyo kuwa Kanama II 2007, Urup 11.
4. « *Mitali koko ntakura muri politiki* » yatangajwe mu Kinyamakuru Rushyashya n°67, Ukuboza I 2007, urup. 4
5. "Niba Inteko yarananiwe kwikuramo abajenosideri nireke Jeanne, nta mututsi yishe" yatangajwe mu kinyamakuru Rushyashya n°68 cyo kuwa Gashyantare – Werurwe I, 2008 urup. 6

#### **Rugari**

6. "City Radio: Urwishe ya nka ruracyayirimo" yatangajwe mu kinyamakuru Rugari n°33 cyo kuwa 19 Mata- 3 Gicurasi 2008, Urup. 3 &12
7. "Imikoreshereze ya 3.000.000 Frw zahawe ishyaka P.S.P ntisobanutse" yatangajwe mu kinyamakuru Rugari n°31 cyo kuwa Gashyantare 2008, urup.2
8. "Itonesha n'iterabwoba kuri Gereza ya Kigali 1930" yatangajwe mu kinyamakuru Rugari n°31 cyo kuwa Gashyantare 2008, urup.3

#### **Ukuri**

9. "Ntawukuliryayo yaciye umuforomo mu gihugu- amushinja bimwe ubwe yiyemera ko atakoze" yatangajwe mu kinyamakuru Ukuri n° 172 cya Kanama 2008 urup. 1&6
10. "Minisitiri Ntawukuliryayo yahawe Minisante nawe ayigabira Dr Bonaventure Nzeyimana" yatangajwe mu Kinyamakuru Ukuri n°172 cya Kamena 2008, Urup.13

#### **Umuseso**

11. "Musoni yeguriye IMPRISCO abayiguze batarishyura" yatangajwe mu kinyamakuru Umuseso n° 308 cyo kuwa 14-20 Kanama,2008 Urup 2&3
12. "Minisitiri Musoni James yasuzuguye Minisitiri w'Intebe" yatangajwe mu kinyamakuru Umuseso n° 310 cyo kuwa 03-10 Nzeli 2008, Urup 5
13. "Aho gufunga UNILAK, hafungwa Minisitiri Mujawamariya" yatangajwe mu kinyamakuru Umuseso n° 300 cyo kuwa 15-22 Gashyantare 2008, urup. 12
